REPUBULIKA Y'U RWANDA

Nyaruguru ku wa 18/02/2019

N° .....006.....NJYA/2019

INTARA Y'AMAJYEPFO

AKARERE KA NYARUGURU

SOUTHERN PROVINCE
RECEPTION
DATE: 18/02/2019
SIGNATURE:

Bwana Guverineri w'Intara y'Amajyepfo

NYANZA

Impamvu: Ibyemezo by'Inama Njyanama idasanzwe yo kuwa 13 Gashyantare 2019

Bwana Guverineri,

Mbandikiye ngirango mbagezaho ibyemezo by'Inama Njyanama idasanzwe y'Akarere ka Nyaruguru yateraniye i Kibeho mu cyumba cy'inama cya Centre d'Accueil Regina Pacis ku wa 13 Gashyantare 2019, yitabiriwe n'Abajyanama 26 kuri 29 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru.

Ibyo byemezo murabisanga ku mugereka w'iyi baruwa

Mugire amahoro.

MUNGWAKUZWE Yves

Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru

Bimenyeshejwe :

1. Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
   KIGALI
2. Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Nyaruguru
   NYARUGURU

REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO

AKARERE KA NYARUGURU

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE

IBYEMEZO BY'INAMA NJYANAMA IDASANZWE Y'AKARERE KA NYARUGURU YO KU WA 13 GASHYANTARE 2019

INTANGIRIRO

Inama Njyanama idasanzwe y'Akarere ka Nyaruguru yo ku wa 13 Gashyantare 2019 yateraniye mu cyumba cy'inama cya Centre d'Accueil Regina Pacis i Kibeho iyobowe na Perezida wayo Bwana MUNGWAKUZWE Yves, yitabirwa n'Abajyanama 26 kuri 29 bagize Inama Njyanama y'Akarere.

Ku murongo w'ibyigwa hari ingingo zikurikira:

1. Kwemeza ingengo y' imari ; gahunda y'amasoko na tarifu y'imisoro n'amahoro bivuguruye.
2. Kwemeza DDS y'Akarere.

Icyemezo cya mbere:

Nyuma yo kungurana ibitekerezo ku ngingo zavuzwe haruguru, abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru bafashe ibyemezo bikurikira:

Hashingiwe ku Itegeko Ngenga N° 12/2013/OL ryo kuwa 12/09/2013 ryerekeye Imari n'Umutungo bya Leta;

Hashingiwe ku Itegeko N° 59/2011 ryo kuwa 31/12/2011 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu rishyiraho inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage rikanagena imikoreshereze yabyo cyane cyane mu ngingo yaryo ya 4, iya 5 iya 57, iya 58, iya 60 iya 61 iya 62 n'iya 63;

Hashingiwe ku itegeko N° 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage;

Hashingiwe ku Iteka rya Minisitiriri N° 002/07/.01 ryo kuwa 02/07/2015 rigena amategeko ngengamikorere y'Inama Njyanama y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage,

Hashingiwe ku ibaruwa N° 257/ 07.02.03/ MD.02.1/2019 yo kuwa 13/02/2019 Umuyobozi w'Akarere yandikiye Perezida w'Inama Njyanama asaba ko ingengo y'imari y'umwaka wa 2018/2019 ivugururwa,

Abitabiriye Inama Njyanama mu bwumvikane busesuse bemeje ko ingengo y'imari y'Akarere ka Nyaruguru ivugururwa, ikava kuri miliyari cumi n'esheshatu na miliyoni magana atatu mirongo ine n'umunani n'ibihumbi ijana na mirongo irindwi na bine, na magana cyenda na makumyabiri n'umunani(**16, 348,174,928 Frw**), ikajya kuri miliyari cumi na zirindwi na miliyoni ijana n'umunani n'ibihumbi magana abiri mirongo inani na birindwi na magana atatu na cumi (**17.108.287.310 Frw**).

Icyemezo cya kabiri:

Hashingiwe ku cyifuzo cya Komisiyo y'Ubukungu mu Nama Njyanama yateranye kuwa 24/12/2018 igasuzuma gahunda y'ivugururwa ry'amasoko,

hashingiwe ku ibaruwa N° 256/ 07.02.03/M 07.2/19 yo kuwa 13/02/2019 Umuyobozi w'Akarere ka Nyaruguru yandikiye Perezida w'Inama Njyanama amusaba ko igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko 2018/2019 ryavugururwa,

Abagize Inama Njyanama mu bwumvukane busesuye bemeje igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko rivuguruye.

Icyemezo cya gatatu:

Hashingiwe ku cyifuzo cya Komisyo y'Ubukungu mu Nama Njyanama yateranye kuwa 24/12/2018 igasuzuma tarifu y'imisoro n'amahoro ivuguruye mu mwaka wa 2018/2019;

Hashingiwe ku ibaruwa N° 242/ 07.02.03. MD.11.4/19 yo kuwa 6/02/2019 Umuyobozi w'Akarere yandikiye Perezida w'Inama Njyanama isaba ko tarifu y'imisoro n'amahoro mu mwaka wa 2018/2019 ivugururwa

Abagize Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye bemeje ko tarifu y'imisoro n'amahoro mu mwaka wa 2018/2019 ivugururwa.

Icyemezo cya kane:

Hashingiwe ku ibaruwa N° 258/ 07.02.03/MD.02.1/19 yo kuwa 13/02/2019,Umuyobozi w'Akarere yandikiye Perezida w'Inama Njyanama amusaba ko umugambi w'iterambere ry'Akarere (2018/2019- 2023/2024) wemezwa,

Nyuma yo gukora ubugororangingo ku mugambi w'iterambere ry'Akarere wagaragajwe,

abagize Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye bemeje umugambi w'iterambere ry'Akarere kuva mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2018/2019 rikazageza mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2023/2024 (District Development Strategy).

Icyemezo cya gatanu:

Mu rwego rwo kugabanya impapuro nyinshi zikoreshwa , no gufasha Abajyanama kubika neza amaraporo yose : ay'amakomisiyo, ay'imyanzuro y'Inama Njyanama iba yafashwe , hamwe n'ibindi byose byafasha kuzuza neza inshingano zabo, nk'uko byari byasabwe,

Mu bwumvikane busesuye, abagize Inama Njyanama bemeje ko hakwihutishwa kugura imashini "laptop" zo kubafasha akazi.

UMUSOZO

Inama Njyanama yatangiye imirimo yayo i saa tanu n'iminota icumi (11h:10), isoza imirimo i saa cyenda n'igice (15h:30). Umuyobozi w'Inama Njyanama ashimira abitabiriye, n'ibitekerezo batanze.

Umwanditsi w'Inama

KAMPOGO Dative

Umunyamabanga w'Inama Njyanama

Umuyobozi w'Inama

MUNGWAKUZWE Yves

Perezida w'Inama Njyanama

REPUBLIKA Y'U RWANDA

Nyanza, ku wa 28/02/2019
N° 1138/07.02

INTARA Y'AMAJYEPFO
TEL: 252533385, Fax: 252533380
Email : south@southernprovince.gov.rw
Website : www.southernprovince.gov.rw

NYARUGENGE SECTOR
DATE OF RECEPTION
05 MAR 2019
Received By Nyanama
Registration No 989
To be Treated by

Bwana Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru
NYARUGURU

Impamvu: Ibyemezo by'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa 13 Gashyantare 2019

Bwana Perezida,

Ibyemezo by'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru yateranye ku itariki ya 13 Gashyantare 2019 byatugezeho ku itariki ya 18 Gashyantare 2019. Nyuma yo kubisuzuma, turabasaba ko bishyirwa mu bikorwa.

Mugire akazi keza.

CG GASANA K. Emmanuel
Guverineri w'Intara y'Amajyepfo

Bimenyeshejwe:
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  KIGALI
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Nyaruguru
  NYARUGURU